# Incamake y'ibisubizo:
# Iperereza ry'uwashakishwaga n'ubutabera Phénéas MUNYARUGARAMA

*Amavu n'amavuko*

1. Pheneas MUNYARUGARAMA yavukiye muri komini ya Kidaho, mu majyaruguru y'u Rwanda muri 1948. Yinjiye mu ngabo z'u Rwanda (FAR) arangije amashuri yisumbuye. Yakomeje imyitozo ya gisirikare mu Bubiligi no muri Libiya. Muri 1992 na 1993, MUNYARUGARAMA yari Lt Colonel na G1 ku cyicaro gikuru cy'igisirikare i Kigali, ashinzwe ubuyobozi n'abakozi. Muri Werurwe 1993 yagizwe umuyobozi w'ikigo cya gisirikare cya Gako mu karere ka Bugesera, akiri ku mwanya wa Lt Colonel.

*1994: Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda*

2. Muri Mata-Gicurasi 1994 nk'umuyobozi w'ikigo cya gisirikare cya Gako, MUNYARUGARAMA yagize uruhare rukomeye mu gutegura, gutegeka no kuyobora ubwicanyi bwibasiye inyoko muntu ndetse n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ry'abasivili ryakozwe n'abasirikare ba FAR, inkeragutabara, Interahamwe n'abasivili Babahutu mu karere ka Bugesera, harimo n'ibitero byibasiye impunzi z'Abatutsi kuri kiliziya gatolika ya Ntarama na kiliziya gatolika ya Nyamata.

3. MUNYARUGARAMA yakorewe impapuro z'ibirego na ICTR muri Gashyantare 2002, manda yo kumuta muri yombi isohoka ku ya 4 Werurwe 2002, ikurikiwe na *Interpol Red Notice* muri Kanama 2002.

*1994-1999: Guhunga uRwanda no kwisuganya kwa Ex-FAR*

4. Muri Kamena 1994, MUNYARUGARAMA n'umuryango we bahungiye mu cyari Zayire, aho yifatanije n'abandi bahoze muri FAR mu nkambi z'impunzi no mu mijyi itandukanye.

5. MUNYARUGARAMA yahise agira uruhare mu bikorwa byo gushira abahoze ari abasirikari ba FAR mu mitwe mishya kugirango batere u Rwanda. Mu Gushyingo 1994, yasuye inkambi y'impunzi ya Kahindo hamwe n'abandi basirikare bakuru bahoze muri FAR agamije gushishikariza abahoze ari abasirikare ba FAR kwinjira muri iyo mitwe. Nyuma yaho, MUNYARUGARAMA yagizwe umuyobozi wa Burigade ya FAR ya 4 mu Karere ka Gisirikare ka Bukavu, ashinzwe kwinjiza abantu mu gisirikare no guhugura abasirikare. MUNYARUGARAMA yakomeje ako kazi mu myaka yakurikiyeho, harimo no mu gihe cy'intambara ya mbere ya Kongo hagati ya 1996 na 1997. Muri 1999, yazamutse ku mwanya wa G3 ku cyicaro gikuru cy'abasirikare i Masisi.

*1999-2002: Intambara ya kabiri ya Kongo*

6. Muri 1998, Intambara ya kabiri ya Kongo yaratangiye hagati ya Guverinoma ya DRC ishyigikiwe na Zimbabwe, Angola, Namibiya, na Tchad, n'ingabo zitavugaga rumwe

n’ubutegetsi bwa Kongo zishyigikiwe n’u Rwanda na Uganda. Kubera kwiyemeza guhirika guverinoma y'u Rwanda no kugarura ubutegetsi bwahozeho, benshi mu bagize uruhare muri Jenoside ndetse n'abahoze muri FAR binjiye muri iyi ntambara nk'inshuti za Guverinoma ya DRC. Ahagana mu mpera z'umwaka wa 1998, izo ngabo z'Abahutu zakoze umutwe umwe ukozwe ahanini na ex-FAR n'impunzi zari mu nkambi zitandukanye muri DRC, CAR, Repubulika ya Kongo, n'ahandi.

7. MUNYARUGARAMA, yagize uruhare rukomeye muri ibi bikorwa, kubera ko yakomeje gukorana n’abahoze mu ngabo z’u Rwanda nyuma ya Jenoside. Muri 1999 yagizwe 'Komiseri w'Ingabo' w’umutwe wabaharanira kubohora u Rwanda (*People in Action for the Liberation of Rwanda* -PALIR), umwe mu myanya y'ubuyobozi bukuru. PALIR yari ifite umutwe wa gisirikare, ALIR, nyuma ihindura izina yitwa Force démocratiques de libération du Rwanda (FDLR), bitewe nuko umuryango mpuzamahanga wamaganye iyicwa ry’abakerarugendo b’abazungu ryakozwe nawo i Bwindi muri Uganda mu 1999.

8. Hagati ya 1999 na 2001, MUNYARUGARAMA yakoreye cyane mu karere ka Kivu muri DRC, aho yabaye umuyobozi mukuru w’ibikorwa bya FDLR muri ako karere gahana imbibi n’u Rwanda.

9. Mu mpera za 2001 hashyizweho ingufu zo guhuza ibice bitandukanye by’abahoze muri FAR kugirango bakore umutwe umwe wa FDLR. MUNYARUGARAMA, nk'umuyobozi mukuru mu burasirazuba icyo gihe yari i Masisi, n'abandi, batumiwe mu nama i Kinshasa kugira ngo baganire kuri ubwo bumwe.

10. Mu mpera z'umwaka wa 2001 MUNYARUGARAMA, aherekejwe n'abantu babiri bo mu muryango we, abayobozi ba politiki babiri ba FDLR, abashinzwe kumurindira umutekano bo muri FDLR bagera kuri makumyabiri hamwe n'abashinzwe gutwara abantu benshi bo muri Kongo bakoze urugendo rurerure n'amaguru kuva Masisi (Kivu y'Amajyaruguru) bagana i Kankwala (mu majyaruguru ya Katanga), berekeza i Kinshasa. Urwo rugendo rwamaze amezi menshi kandi rwambukiranyaga ahantu haruhije harimo amashyamba, ibishanga ndetse no kwambuka imigezi itoroshye. MUNYARUGARAMA yagize ikibazo cyo kwambuka imigezi mbere gato yo kugera i Kankwala ku buryo yari agiye kurohama, hanyuma atangira kubwira bagenzi be bari bafatanyije urugendo ko yumva atameze neza.

*2002: Urupfu no Gushyingura*

11. Iri tsinda ryageze i Kankwala mu mpera za Gashyantare 2002. Kankwala ni umudugudu muto ahari Brigade ya FLDR. Itsinda ryahawe amacumbi kugirango bashobore kuruhuka iminsi mike mbere yo gukomeza urugendo rwabo bagana i Kamina hanyuma bagakomereza i Kinshasa.

12. Hashize iminsi mike bageze Kankwala MUNYARUGARAMA yararwaye aza gupfa hafi cyangwa kwitariki ya 28 Gashyantare 2002. Impamvu nyayo y'urupfu ntiramenyekana, kubera kubura abaganga bahuguwe, ariko byatewe n'impamvu zisanzwe. Yashyinguwe bukeye mu isanduku mu mva itagira ikimenyetso i Kankwala. Umuhango wo kumushyingura witabiriwe n'abagize umuryango we bombi, abayobozi ba FDLR, abasirikare ndetse na bamwe mu baturage ba Kongo.

13. Gutaburura umurambo wa MUNYARUGARAMA i Kankwala ntibyageragejwe cyane cyane kubera impungenge zikomeye z'umutekano w’abakozi bajya muri kariya gace, ndetse n'ibindi bintu nko kutagira ubufatanye n'ubuyobozi bwa DRC. Ikigeretse kuri ibyo bintu ni ingorane

zishobora guterwa no kumenya imva itagira ikimenyetso no gukura ADN nzima mu bisigazwa by'umuntu muri kariya gace nyuma y'imyaka 20.

14. Nubwo bimeze bityo ariko, umubare munini w'abatangabuhamya utanga inkuru ihamye yerekana byimazeyo ukuri ku rupfu rwa MUNYARUGARAMA i Kankwala hafi cyangwa ku ya 28 Gashyantare 2002. Aho byabereye, igihe urupfu rwe rwabaye, harimo no kureba umurambo we, byavuzwe mu buryo burambuye n'abatangabuhamya umunani bahoze bakorana muri FDLR, benshi muribo bakaba bari bamuzi imyaka myinshi. Hanyuma, aho yapfiriye, igihe, n'ukuri kw'urupfu rwe birashimangirwa n'umuryango we wa hafi, kandi bombi bari kumwe na we igihe yapfaga.